



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2021

10 Kanama 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2021**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byagabanutseho 0,4% mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2021 ugereranyije na Nyakanga 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -0,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,4% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 13,5%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2021 na Nyakanga 2020, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu bitarahindutse.

Wagereranya ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2021), ibiciro ntibyahindutse.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Nyakanga 2021, ibiciro mu byaro byagabanutseho 1,7% ugereranyije na Nyakanga 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 0,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,7% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 21,5%.

Ugereranyije ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) ibiciro byagabanutseho 0,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 3,1%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Nyakanga 2021 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 1,1% ugereranyije na Nyakanga 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 0,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,1% mu kwezi kwa Nyakanga 2021 ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 15,8%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 1,8%

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2020 kugeza muri Nyakanga 2021.**

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2020 kugeza muri Nyakanga 2021 <i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2020						2021						
	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	9,2	8,8	8,9	7,2	4,2	3,7	2,8	1,6	2,0	2,4	-0,1	-0,2	-0,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	13,2	12,4	12,2	10,9	4,7	4,1	4,0	2,7	1,5	3,0	0,7	0,3	-1,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	11,5	10,9	10,8	9,3	4,5	3,9	3,5	2,2	1,7	2,7	0,4	0,1	-1,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,2	0,5	1,0	-0,9	-1,0	-0,8	-0,3	0,4	1,4	0,2	-0,5	-0,2	0,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	1,6	1,7	2,0	0,6	-0,7	-1,7	-1,2	0,5	1,4	-1,6	-2,5	0,2	-0,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	1,0	1,2	1,6	0,0	-0,8	-1,3	-0,8	0,5	1,4	-0,9	-1,6	0,0	-0,3

*Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)